URUKINGO RWA COVID-19

Ingham County Health Department

Inkingo ubu zirahari kugira ngo zihagarike indwara yakoronavirusi 2019(Covid-19) Urukingo rurinda abantu benshi(hafi 95%)kuba bakwandura Covid-19.Urukingo ni ubuntu kandi rusaba kwikingiza inshuro ebyiri aho wakingiriwe bwa mbere hagati\ y'ibyumweru 3 na 4. Kwikingiza bituma ugira ubuzima bwiza ikindi bigahagarika icyorezo. Kurikira ingingo zingirakamaro zituma umenya ibijyanye n'urukingo;

Ntiruraboneka kubantu bose.

Bifata igihe kugira ngo inkingo zigere kuri buri wese kugira ngo Akanama gashinzwe ubudahangarwa na Leta ya Michigan ibashe gushyiraho ibyiciro cyangwa abazikeneye byihutirwa kurusha abandi.Abantu bakora imirimo ituma bakwandura vuba cyangwa abafite ubuzima butameze neza nibo bazakingirwa bwa mbere.

- **Abambere(icyiciro 1A) Abantu bakora kwa muganga n'abantu ababa mu macumbi y'abageze mu zabukuru.**
- **Abakabiri (icyiciro 1B) Abantu barengeje imyaka 65 n'abakora imirimo y'ibanze bakorera ahantu byoroshye ko bakwandura.**
- **Abagatatu(icyiciro 1C) Abantu bafite amahirwe menshi yo kuba bakwandura indwara ikomeye ya Covid-19 nukuvuga abarengeje imyaka 65 n'abantu bari hagati y'imyaka 16-64 bafite ubuzima butameze neza.**
- **Abakane(icyiciro ya 2) Abantu bose bari hagati y'imyaka 16 ndetse no kuzamura.**

Ubungubu, urukingo ntiruraboneka ku bantu bari munsi y'imyaka16.

Rwakozwe vuba kandi rukoranwa umutekano

Inzobere zari ziri gukora inkingo za koronavirusi mu myaka myinshi ishize nkigikorwa cy'ibanze.Nta ntambwe yigeze isimbukwa ,ariko ingengabihe yabaye ngufi. Kimwe nizindi nkingo,urukingo rwa Covid-19 rwaciye mu igeragezwa rya kiganga. Abakora inkingo batangiye gukora urukingo mbere y'uko babona ibyangombwa kugira ngo rube rwatangira gukwirakwizwa mu gihe cya vuba baramutse babonye uburenganzira bwihutirwa Emergency Use Authorization(EUA). Abakora inkingo bagomba gukora kugira ngo babone uburenganzira.

Hashobora kubaho ingaruka mu munsi umwe cyangwa.

Urukingo rutera abarinzi b'umubiri gusubiza. Ibi bishobora gutuma ugira ibimenyetso bimeze nkibicurani.Ibi birimo kuba wagira umuriro udakabije, umutwe cyangwa wumva usa nunaniwe. Ukuboko kwawe gushobora kubabara bitewe nurukingo.

Urukingo ntirwagutera indwara ya Covid-19 ikindi ntabwo rukora kuri DNA yawe.

Urukingo rwigisha umubiri wawe kumenya za virusi zitera Covid -19 kugira ngo rwice intungamubiri ziba hanze ya koronavirusi. Virusi yose ntiva mu rukingo,ikindi nuko itinjira ahaba ubwirinzi bwawe aho DNA iba.

Ukeneye kwambara agapfukamunwa ,guhana intera na bagenzi bawe ndetse no gukaraba intoki.

Urukingo ni intwaro ikomeye mu kwirinda,ariko mu gihe iby'iki cyorezo bitarabonerwa umuti, tugomba gukomeza gukurikiza ingamba zose zo kwirinda.

HD.INGHAM.ORG/CORONAVIRUS

UPDATED : FEBRUARY 1, 2021
TRANSLATED BY REFUGEE DEVELOPMENT CENTER
Kinyarwanda